

ITEGEKO N° 79/2013 RYO KUWA
11/09/2013 RIGENA INSHINGANO,
IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO
RW'UBUGENZUZI BUKURU BW'IMARI
YA LETA

LAW N° 79/2013 OF 11/09/2013
DETERMINING THE MISSION,
ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF
THE OFFICE OF THE AUDITOR
GENERAL OF STATE FINANCES

LOI N° 79/2013 DU 11/09/2013 PORTANT
MISSIONS, ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE DE
L'AUDITEUR GENERAL DES FINANCES
DE L'ETAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE SES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

**Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge
by'Urwego**

**Article 3: Legal personality and autonomy of
the Office**

**Article 3: Personnalité juridique et
autonomie de l'Office**

**Ingingo ya 4: Imikoranire y'Urwego n'Inteko
Ishinga Amategeko**

**Article 4: Relationships between the Office
and the Parliament**

**Article 4: Relations entre l'Office et le
Parlement**

Ingingo ya 5: Icyicaro cy'Urwego

Article 5: Head office of the Office

Article 5: Siège de l'Office

**UMUTWE WA II: INSHINGANO
N'UBUBASHA BY'URWEGO**

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF
THE OFFICE**

**CHAPITRE II: MISSIONS ET
COMPETENCES DE L'OFFICE**

Icyiciro cya mberere: Inshingano z'Urwego

Section One: Mission of the Office

Section première: Missions de l'Office

Ingingo ya 6: Inshingano z'Urwego

Article 6: Mission of the Office

Article 6: Missions de l'Office

Icyiciro cya 2: Ububasha bw'Urwego

Section 2: Powers of the Office

Section 2: Compétences de l'Office

Ingingo ya 7: Ububasha bwo guhabwa

Article 7: Power of free access to information

Article 7: Pouvoir de libre accès à

amakuru nta mbogamizi

l'information

Ingingo ya 8: Gukurikirana no guhana ibyaha bibangamira Urwego mu kurangiza inshingano zarwo

Article 8: Investigation and punishment of offences obstructing the Office in the discharge of its mission

Article 8: Poursuites et répression des infractions compromettant l'Office dans l'accomplissement de ses missions

Ingingo ya 9: Ububasha bwo gukoresha ibindi bigo cyangwa inzobere

Article 9: Power for outsourcing services from other firms or experts

Article 9: Compétence pour sous-traiter les services à d'autres cabinets ou experts

Ingingo ya 10: Ububasha bwo gutangaza amakuru

Article 10: Power to disclose information

Article 10: Compétence de communiquer des informations

Ingingo ya 11: Ubudahungabanywa

Article 11: Immunity

Article 11: Immunité

UMUTWE WA III: IMITERERE Y'URWEGO

CHAPTER III: ORGANIZATION OF THE OFFICE

CHAPITRE III: ORGANISATION DE L'OFFICE

Icyiciro cya mbere: Urwego

Section One: Office

Section première: Office

Ingingo ya 12: Abagize Urwego

Article 12: Composition of the Office

Article 12: Composition de l'Office

Ingingo ya 13: Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru wungirije

Article 13: Auditor General and Deputy Auditor General

Article 13: Auditeur Général et Auditeur Général Adjoint

Ingingo ya 14: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru

Article 14: Responsibilities of the Auditor General

Article 14: Attributions de l'Auditeur Général

Ingingo ya 15: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru Wungirije

Article 15: Responsibilities of the Deputy Auditor General

Article 15: Attributions de l'Auditeur Général Adjoint

Ingingo ya 16: Impamvu zo kuva ku murimo

Article 16: Reasons for leaving office

Article 16: Motifs de cessation de fonction

Ingingo ya 17: Kwegura no gusezererwa ku mirimo

Article 17: Resignation and removal

Article 17: Démission et révocation

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

<u>Icyiciro cya 2 : Ubunyamabanga Bukuru</u>	<u>Section 2: General Secretariat</u>	<u>Section 2: Secrétariat Général</u>
<u>Ingingo ya 18: Ubunyamabanga Bukuru</u>	<u>Article 18: General Secretariat</u>	<u>Article 18: Secrétariat Général</u>
<u>Ingingo ya 19: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru w'Urwego</u>	<u>Article 19: Responsibilities of the Secretary General of the Office</u>	<u>Article 19: Attributions du Secrétaire Général de l'Office</u>
<u>Ingingo ya 20: Sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo</u>	<u>Article 20: Statute governing the staff, organization and responsibilities of the departments of the Office</u>	<u>Article 20: Statut régissant le personnel, organisation et attributions des services de l'Office</u>
<u>Ingingo ya 21: Ibitabangikanywa no kuba umwe mu bagize Urwego</u>	<u>Article 21: Incompatibilities with the holding of office in the Office</u>	<u>Article 21: Incompatibilités avec les fonctions de membre de l'Office</u>
<u>UMUTWE IV: IMIKORERE Y'IGENZURA</u>	<u>CHAPTER IV: CONDUCT OF AUDIT</u>	<u>CHAPITRE IV: REALISATION DE L'AUDIT</u>
<u>Ingingo ya 22: Uburenganzira ku biro</u>	<u>Article 22: Right to be provided with an office</u>	<u>Article 22: Droit à un bureau</u>
<u>Ingingo ya 23: Amahame ngenderwaho mu gukora ubugenzuzi</u>	<u>Article 23: Auditing standards</u>	<u>Article 23: Normes d'audit</u>
<u>Ingingo ya 24: Ubwoko bw'igenzura</u>	<u>Article 24: Types of audit</u>	<u>Article 24: Types d'audit</u>
<u>Ingingo ya 25: Raporo y'ubugenzuzi</u>	<u>Article 25: Audit report</u>	<u>Article 25: Rapport d'audit</u>
<u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI</u>	<u>CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE</u>	<u>CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES</u>
<u>Ingingo ya 26: Umutungo w'Urwego n'inkomoko yawo</u>	<u>Article 26: Property of the Office and its sources</u>	<u>Article 26: Patrimoine de l'Office et ses sources</u>
<u>Ingingo ya 27: Igenzura ry'umutungo n'imari by'Urwego</u>	<u>Article 27: Audit of property and finance of the Office</u>	<u>Article 27: Audit du patrimoine et des finances de l'Office</u>

<u>Ingingo ya 28:</u> Raporo y’umwaka w’ibaruramari	<u>Article 28:</u> Annual financial report	<u>Article 28:</u> Rapport financier annuel
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZINYURANYE N’IZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VII :</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 29:</u> Manda y’Umugenzuzi Mukuru n’Umugenzuzi Mukuru Wungirije bari mu mirimo	<u>Article 29:</u> Terms of office of the Auditor General and the Deputy Auditor General currently in office	<u>Article 29:</u> Mandats de l’Auditeur Général et de l’Auditeur Général Adjoint actuellement en fonction
<u>Ingingo ya 30:</u> Igihe cy’inzigabacyuho	<u>Article 30:</u> Transitional period	<u>Article 30:</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 31:</u> Itegurwa, isuzumwa, n’itorwa by’iri tegeko	<u>Article 31:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 31:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 32:</u> Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko	<u>Article 32:</u> Repealing provision	<u>Article 32:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 33:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 33:</u> Commencement	<u>Article 33:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

ITEGEKO N° 79/2013 RYO KU WA 11/09/2013 RIGENA INSHINGANO IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO RW'UBUGENZUZI BUKURU BW'IMARI YA LETA

LAW N° 79/2013 OF 11/09/2013 DETERMINING THE MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE OF THE AUDITOR GENERAL OF STATE FINANCES

LOI N° 79/2013 DU 11/09/2013 PORTANT MISSIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE DE L'AUDITEUR GENERAL DES FINANCES DE L'ETAT

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT;

Umutwe w'Abadepite, mu nama yayo yo ku wa 02 Kanama 2013;

The Chamber of Deputies in its session of 02 August 2013;

La Chambre des Députés, en sa séance du 02 août 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 26 Nyakanga 2013;

The Senate, in its session of 26 July 2013;

Le Sénat, en sa séance du 26 juillet 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 79, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113,118, iya 176, iya 183, iya 184 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 79, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 176, 183, 184 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 79, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113,118, 176, 183, 184 et 201;

Isubiye ku Itegeko n° 05/98 ryo ku wa 04/06/

Having reviewed Law n° 05/98 of 04/06/1998 Revu la Loi n° 05/98 du 04/06/1998 portant

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

1998 rishyiraho Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta;

establishing the Office of the Auditor General of State Finances;

création de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'imari ya Leta rwitwa "Urwego" mu ngingo zikurikira. Iri tegeko rigena kandi uko imari n'umutungo bya Leta bigenzurwa.

This Law determines the mission, organization and functioning of the Office of the Auditor General of State Finances hereinafter called "the Office". This Law also governs procedures for auditing state finances.

La présente loi porte les missions, l'organisation et le fonctionnement de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat ci-après dénommé « l'Office ». La présente loi régit également les modalités d'audit des finances de l'Etat.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meanings:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° amahame ngenderwaho: amahame ubugenzuzi bugenderaho yemewe hose kandi akubiyemo imikorere, ibikurikizwa n'amabwiriza y'ubugenzuzi ari byo :

1° standards: internationally recognized principles which include auditing practices, procedures and guidelines, namely:

1° normes : principes universellement reconnus et qui comprennent les pratiques, les procédures et les directives d'audit à savoir :

a) amahame mpuzamahanga y'ubugenzuzi;

a) International auditing standards;

a) normes internationales d'audit ;

b) amahame mpuzamahanga agenga ibaruramari mu nzego n'ibigo bya Leta;

b) International public sector accounting standards;

b) normes comptables internationales pour le secteur public ;

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

- | | | |
|--|--|---|
| c) amahame mpuzamahanga ku buryo bwo gutanga amaraporo y'ibaruramari; | c) International financial reporting standards ; | c) normes internationales d'information financière ; |
| d) amahame mpuzamahanga agenga ibaruramari muri rusange; | d) International accounting standards; | d) normes comptables internationales ; |
| 2° amategeko ngengamyitwarire: amategeko agenga imyitwarire y'abagize Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta; | 2° code of ethics: the Code of Ethics of members of the Office of the Auditor General of State Finances; | 2° code de deontology: le Code de déontologie des membres de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat ; |
| 3° Komisiyo: Komisiyo y'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite ifite mu nshingano zayo gukurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Igihugu; | 3° Committee: Public Accounts Committee of the Parliament, Chamber of Deputies; | 3° Commission: Commission de la Chambre des Députés du Parlement chargée du suivi de l'utilisation des finances et du patrimoine de l'Etat ; |
| 4° Umugenzuzi Mukuru: Umuyobozi w'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta; | 4° Auditor General: the head of the Office of the Auditor General of State Finances; | 4° Auditor Général: le chef de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat; |
| 5° ubugenzuzi: ukugenzura cyangwa gucukumbura bikoranywe ubwigenge hakurikijwe amahame mpuzamahanga y'ubugenzuzi yemewe, hakagenzurwa imari n'umutungo by'Igihugu kandi bigakorerwa raporo; | 5° audit: a control or investigation performed independently in accordance with internationally accepted auditing standards for the control of State finances and property accompanied by report; | 5° audit: contrôle ou investigation qui s'effectue de manière indépendante suivant les normes internationales d'audit agréées en vue de la vérification des finances et du patrimoine de l'Etat, suivie d'un rapport y relatif ; |
| 6° ubugenzuzi bw'imari n'umutungo: ubugenzuzi Urwego rukora rugamije kugaragaza niba imari n'umutungo bya Leta byaracunzwe ku buryo bunoze kandi hakurikijwe amategeko; | 6° audit of finances and property: a control performed by the Office to issue an opinion as to the effectiveness and regularity with which State finances and property have been managed; | 6° audit des finances et du patrimoine : contrôle réalisé par l'Office en vue de l'émission d'une opinion sur l'efficacité et la régularité avec lesquelles les finances et le patrimoine de l'Etat ont été gérés; |

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

<p>7° ubugenzuzi bw'amahame: igenzura ryo kureba ko imirimo ikorwa hagendewe ku mahame n'imikorere y'akazi na politiki z'imicungire byiza;</p>	<p>7° performance audit: a control meant to ascertain whether activities are conducted in accordance with sound administrative principles and practices and management policies;</p>	<p>7° audit de performance: contrôle visant à vérifier si la réalisation des activités se conforme à des principes et des pratiques administratifs sains et à de bonnes politiques de gestion ;</p>
<p>8° ubugenzuzi bucukumbuye: ubugenzuzi bugamije gukumira no kugaragaza amakosa yagaragara nk'inyerezwa na ruswa hakoreshejwe ubumenyi bw'igenzura mu kugaragaza amakosa ashobora kujyanwa mu nkiko;</p>	<p>8° forensic audit: a control aimed at preventing and detecting possible malpractices such as embezzlement and corruption by applying audit skills to detect malpractices deemed presentable before the courts of law;</p>	<p>8° audit juri-comptable: contrôle visant la prévention et la détection des pratiques abusives éventuelles telles que le détournement et la corruption de par l'application des compétences en matière d'audit pour détecter des pratiques abusives susceptibles d'être portées devant les juridictions ;</p>
<p>9° Urwego: Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.</p>	<p>9° Office: Office of the Auditor General of State Finances.</p>	<p>9° Office: Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge by'Urwego</u></p>	<p><u>Article 3: Legal personality and autonomy of the Office</u></p>	<p><u>Article 3: Personnalité juridique et autonomie de l'Office</u></p>
<p>Urwego rufite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi barwo.</p>	<p>The Office shall have legal personality and, financial and administrative autonomy.</p>	<p>L'Office est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative.</p>
<p>Mu kurangiza inshingano zarwo, Urwego rukora mu bwisanzure nta mabwiriza ruhabwa n'izindi nzego.</p>	<p>In discharging its responsibilities, the Office shall be independent without receiving any injunctions by other organs.</p>	<p>Dans l'accomplissement de ses attributions, l'Office exerce ses fonctions en toute indépendance et ne doit recevoir aucune injonction de la part d'autres organes.</p>
<p><u>Ingingo ya 4: Imikoranire y'Urwego n'Inteko Ishinga Amategeko</u></p>	<p><u>Article 4: Relationships between the Office and the Parliament</u></p>	<p><u>Article 4: Relations entre l'Office et le Parlement</u></p>
<p>Mbere y'itangira ry'igihembwe cyagenewe gusuzuma ingengo y'imari ya Leta y'umwaka</p>	<p>Before the commencement of the session devoted to the examination of the budget of the</p>	<p>Avant l'ouverture de la session consacrée au budget de l'exercice suivant, l'Office présente</p>

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

ukurikiye, Urwego rushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, raporo yuzuye ku ifoto y'umutungo wa Leta irimo imikoreshereze y'imari ya Leta y'umwaka ushize.

Urwego rushyikiriza kandi Perezida w'Umutwe w'Abadepite:

1° gahunda y'uko ubugenzuzi buzakorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) rubonye ifoto y'umutungo w'umwaka urangiye;

2° raporo ya buri genzura ikorwa n'Umugenzuzi Mukuru abyibwirije cyangwa abisabwe n'Inteko ishinga Amategeko akimara kuyirangiza.

Raporo zikorwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko, zigasuzumwa na Komisiyo ifite gukurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Igihugu mu nshingano zayo.

Iyo Komisiyo ikorana n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu gusuzuma raporo n'izindi nyandiko, mu kubaza no gukora raporo ku kintu cyose kirebana n'imari ya Leta, umutungo cyangwa imari bicunzwe n'urwego urwo ari rwo rwose rwa Leta.

subsequent year, the Office shall submit to the Parliament, both Chambers, the State consolidated financial statements of the previous fiscal year.

The Office shall also submit to the Speaker, Chamber of Deputies the following:

1° an audit plan within a period not exceeding thirty (30) days following the receipt of the financial statements for the previous fiscal year;

2° a report on every audit conducted by the Auditor General on his/her own initiative or at the request of the Parliament as soon as it is finalized.

Reports prepared by the Auditor General shall be submitted to the Parliament and considered by the Committee in charge of public accounts.

The Committee shall collaborate with the Auditor General of State Finances to consider reports and other documents, conduct hearing and write reports on all matters connected with State finances and property or finances managed by any public entity.

aux deux Chambres du Parlement les états financiers consolidés de l'Etat pour l'exercice précédent.

L'Office soumet également au Président de la Chambre des Députés ce qui suit:

1° un plan d'audit qui s'effectue dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la réception des états financiers pour l'exercice précédent;

2° un rapport de chaque audit réalisé par l'Auditeur Général de sa propre initiative ou à la demande du Parlement aussitôt qu'il est finalisé.

Les rapports réalisés par l'Auditeur Général sont soumis au Parlement et examinés par la Commission ayant le suivi de l'utilisation des finances et du patrimoine de l'Etat dans ses attributions.

Cette Commission collabore avec l'Auditeur Général des Finances de l'Etat dans l'examen des rapports et d'autres documents, dans l'audition et dans la rédaction des rapports sur tout ce qui a trait aux finances de l'Etat et au patrimoine ou aux finances gérés par toute entité publique.

Ingingo ya 5: Icyicaro cy'Urwego

Icyicaro cy'Urwego kiri mu Mujyi wa Kigali, umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

Urwego rushobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu byemejwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BY'URWEGO

Icyiciro cya mbere: Inshingano z'Urwego

Ingingo ya 6: Inshingano z'Urwego

Urwego rufite inshingano zikurikira:

- 1° kugenzura umutungo wa Leta winjijwe n'uwakoreshejwe aha hakurikira:
- a) mu butegetsi bwite bwa Leta;
 - b) mu nzego z'ibanze;
 - c) mu bigo bya Leta n'ibigo bishamikiye kuri Leta;
 - d) mu mishinga ya Leta;
 - e) mu rwego cyangwa ikigo kigenerwa amafaranga ya Leta hagamijwe igikorwa rusange;

Article 5: Head office of the Office

The head office of the Office shall be located in Kigali City, the capital of the Republic of Rwanda.

The Office may have branches elsewhere on the Rwandan territory subject to the approval of the Auditor General of State Finances.

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF THE OFFICE

Section One: Mission of the Office

Article 6: Mission of the Office

The Office shall have the following mission:

- 1° to audit Government revenue and expenditure in the following organs:
- a) Central Government;
 - b) Local Government;
 - c) Public and parastatal institutions;
 - d) Government projects;
 - e) an organ or institution that receives State budget allocations for the purpose of conducting public activity;

Article 5: Siège de l'Office

Le siège de l'Office est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda.

L'Office peut avoir des branches en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda sur approbation de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.

CHAPITRE II: MISSIONS ET COMPETENCES DE L'OFFICE

Section première: Missions de l'Office

Article 6: Missions de l'Office

L'Office a les missions suivantes:

- 1° faire l'audit des recettes et des dépenses de l'Etat dans les organes suivants:
- a) l'Administration Centrale ;
 - b) les entités administratives locales ;
 - c) les établissements publics et paraétatiques;
 - d) les projets de l'Etat;
 - e) un organe ou une institution qui bénéficie des allocations budgétaires de l'Etat en vue d'une

		activité communautaire ;
f) ahandi hose Leta ifite imigabane;	f) any other entity in which the State holds shares;	f) toute autre entité dans laquelle l'Etat est actionnaire ;
2° kugenzura imicungire y'imari n'umutungo hagamijwe kugaragaza uko amategeko n'amabwiriza ariho yakurikijwe, niba imikoreshereze y'imari n'umutungo yarakozwe neza kandi niba imari n'umutungo byarakoreshejwe ahari ngombwa;	2° to carry out financial and property management audit to ensure compliance with applicable laws and regulations, proper use of finances and property and ascertain if finance and property were managed appropriately;	2° faire l'audit des finances et du patrimoine pour s'assurer du respect des lois et des règlements en vigueur, d'une bonne utilisation des finances et du patrimoine et si l'utilisation des finances et du patrimoine s'est avérée opportune ;
3° kugenzura ibaruramari, ikoreshwa neza ry'imari n'umutungo n'imikorere y'inzezo za Leta n'ibigo byose byavuzwe mu gace ka 1° k'iki gika;	3° to carry out the audit of accounts, efficient management of property and finance and that of functioning of all organs provided for in item 1° of this Paragraph;	3° procéder à l'audit de tous les comptes, de la gestion efficiente du patrimoine et des finances et celui du fonctionnement de tous les organes visés au point 1° du présent alinéa;
4° gukora ubugenzuzi bucuumbuye cyangwa se ubugenzuzi bwihariye ku nzego n'ibigo byose bivugwa mu gace ka 1° k'iki gika, iyo Urwego rusanze biri mu nyungu rusange cyangwa se ruregwe cyangwa rubisabwe;	4° to conduct forensic audit or special audit of all the organs provided for in item 1° of this Paragraph if the Office deems it to meet the public interest or if it receives a complaint or is requested to do so;	4° procéder à un audit juri-comptable ou à un audit spécial de tous les organes visés au point 1° du présent alinéa si l'Office le juge dans l'intérêt public ou s'il reçoit une plainte ou s'il lui est demandé de le faire;
5° gushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi, raporo yuzuye ku ifoto y'imari n'umutungo bya Leta;	5° to submit to both Chambers of Parliament State consolidated financial statements;	5° soumettre aux deux Chambres du Parlement les états financiers consolidés de l'Etat ;
6° gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe.	6° to collaborate with other individuals and corporate bodies with similar responsibilities at both national and international level.	6° collaborer avec les personnes physiques et morales ayant des attributions similaires tant au niveau national qu'international.

Icyiciro cya 2: Ububasha bw'Urwego

Section 2: Powers of the Office

Section 2: Compétences de l'Office

Ingingo ya 7: Ububasha bwo guhabwa amakuru nta mbogamizi

Article 7: Power of free access to information

Article 7: Pouvoir de libre accès à l'information

Umugenzuzi Mukuru afite uburenganzira busesuye bwo kubaza abantu, gushyikirizwa inyandiko zose zikenewe n'izo yifuza, inyandiko n'amakuru ari muri mudasobwa, ndetse n'ubundi buryo bwose butangirwamo amakuru ajyanye n'icungamutungo abona ko yakenera kugira ngo arangize inshingano ze.

The Auditor General shall have the extensive right to question people, to have all the relevant and needed documents, electronic documents and information and any other information related to finance management deemed necessary for the performance of his/her duties.

L'Auditeur Général a le droit étendu d'interroger des personnes, de se faire remettre tous les documents nécessaires et ceux qu'il désire, des documents et des informations électroniques et tout autre support d'information qu'il juge nécessaires à l'exercice de ses fonctions.

Nta muntu n'umwe wemerewe kwima Umugenzuzi Mukuru amakuru akeneye mu igenzura niyo yaba yitwaje kwanga kumena ibanga ry'akazi.

A person shall not invoke professional secrecy to withhold information required by the Auditor General for audit purpose.

Personne ne peut, même sous prétexte du secret professionnel, refuser de donner à l'Auditeur Général des informations nécessaires pour ses fonctions d'audit.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari mu rwego rugenzurwa agomba gukora ku buryo Umugenzuzi Mukuru abona uburenganzira bwose ku nyandiko z'ibaruramari n'umutungo mu gihe cyagenwe.

The Chief Budget Manager within the audited entity must do his/her best to facilitate the Auditor General to have full access to accounting documents and property records within the time limits.

Le Gestionnaire Principal du Budget au sein de l'entité auditée doit faciliter à l'Auditeur Général à avoir pleinement accès aux documents comptables et aux registres du patrimoine dans les délais.

Umugenzuzi Mukuru ashobora kandi kubona amakuru akeneye kugira ngo arangize inshingano ze ayasabye undi muntu wese udakorera urwego rugenzurwa.

The Auditor General may also require any person other than a staff member of the entity being audited to provide information necessary for the performance of his/her duties.

L'Auditeur Général peut également se faire remettre par toute autre personne qui n'est pas membre du personnel de l'organe audité des informations nécessaires à l'exercice de ses fonctions.

Ingingo ya 8: Gukurikirana no guhana ibyaha bibangamira Urwego mu kurangiza inshingano zarwo

Article 8: Investigation and punishment of offences obstructing the Office in the discharge of its mission

Article 8: Poursuites et répression des infractions compromettant l'Office dans l'accomplissement de ses missions

Umuntu wese ubangamira Urwego mu kurangiza

Any person who, in any way whatsoever,

Toute personne qui, de quelque manière que ce

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

inshingano zarwo mu buryo ubwo ari bwo bwose akurikiranwa kandi agahanwa hakurikijwe amategeko y'umurimo amugenga cyangwa igitabo cy'amategeko ahana cyangwa byombi.

obstructs the Office in the discharge of its mission shall be prosecuted and punished in accordance with the Statute which governs him/her or the Penal Code or both of them.

soit, compromet l'Office dans l'accomplissement de ses missions est poursuivie et punie conformément au Statut qui le régit ou au Code Pénal ou aux deux à la fois.

Ingingo ya 9: Ububasha bwo gukoresha ibindi bigo cyangwa inzobere

Umugenzuzi Mukuru ni we wenyine ufite ububasha bwo kwemerera abandi bantu babihugukiwemo cyangwa ikigo gikora umwuga w'ibaruramari gukora igenzura mu izina rye.

Article 9: Power for outsourcing services from other firms or experts

The Auditor General shall have exclusive prerogative to authorize other appropriately qualified persons or an audit firm to conduct audit on his/her behalf.

Article 9: Compétence pour sous-traiter les services à d'autres cabinets ou experts

L'Auditeur Général détient la prérogative exclusive d'autoriser d'autres personnes qualifiées en la matière ou un cabinet d'audit à réaliser l'audit en son nom.

Umugenzuzi Mukuru akorana amasezerano n'ukora ubugenzuzi mu izina rye hashingiwe ku biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'Igihugu mu by'igenzura.

The Auditor General shall enter into an agreement with the person conducting the audit on his/her behalf in accordance with the provisions of international conventions and national laws applicable to the audit.

L'Auditeur Général conclut un accord avec la personne effectuant l'audit en son nom conformément aux dispositions des conventions internationales et des lois nationales applicables à l'audit.

Nyuma y'igenzura Umugenzuzi Mukuru niwe utanga umwanzuro ku ishusho y'umutungo w'ikigo cyagenzuwe.

The Auditor General shall have the responsibility of issuing the audit opinion on the accounts of the audited entity after completion of the audit.

L'émission de l'opinion sur les comptes de l'entité auditée après la réalisation de l'audit incombe à l'Auditeur Général.

Ingingo ya 10: Ububasha bwo gutangaza amakuru

Ukora ubugenzuzi abujijwe gutangaza ibyo yabonye n'ibyo yumvise ari mu kazi.

Article 10: Power to disclose information

An auditor shall not disclose pieces of information he/she has noticed and heard while conducting an audit.

Article 10: Compétence de communiquer des informations

Il est interdit à l'auditeur de communiquer les faits qu'il a constatés et entendu au cours de la réalisation de l'audit.

Umugenzuzi Mukuru cyangwa uwo yabihereye ububasha ni we wenyine ushobora gutangaza

The Auditor General or any person delegated by him/her to this purpose shall be solely

L'Auditeur Général ou la personne déléguée par lui à cet effet est seul responsable de la

raporo y'ibyakozwe. Niwe kandi ushobora

responsible for the release of the audit report.

publication du rapport d'audit. Il est également

kwemeza isakazwa ry'amakuru akubiye muri raporo amaze gusuzuma inyungu byagirira abaturage.

He/she shall also have a prerogative to authorize the release of the content of such a report after having assessed whether such a release is of general interest.

seul compétent pour autoriser la diffusion des informations contenues dans ce rapport après avoir examiné si une telle diffusion présente un intérêt général.

Ingingo ya 11: Ubudahungabanywa

Article 11: Immunity

Article 11: Immunité

Umukozi wese ukora ubugenzuzi cyangwa inzobere ikora ubugenzuzi mu izina ry'Umugenzuzi Mukuru ntibakurikiranwa mu nkiko kubera ibyo bagaragaje mu igenzura hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Any staff member conducting an audit or expert conducting an audit on behalf of the Auditor General shall not face any legal action due to his/her audit findings presented in accordance with this Law.

Tout membre du personnel effectuant l'audit ou un expert effectuant l'audit au nom de l'Auditeur Général ne peut faire l'objet des poursuites judiciaires en raison des résultats de l'audit présentés conformément à la présente loi.

UMUTWE WA III: IMITERERE Y'URWEGO

CHAPTER III: ORGANIZATION OF THE OFFICE

CHAPITRE III : ORGANISATION DE L'OFFICE

Icyiciro cya mbere: Urwego

Section One: Office

Section première: Office

Ingingo ya 12: Abagize Urwego

Article 12: Composition of the Office

Article 12: Composition de l'Office

Urwego rugizwe n'Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije, abagenzuzi n'Ubunyamabanga bukuru.

The Office shall comprise the Auditor General, Deputy Auditor General, auditors and General Secretariat.

L'Office est composé de l'Auditeur Général, de l'Auditeur Général Adjoint, des auditeurs et du Secrétariat Général.

Umushahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego bigenwa n'iteka rya Perezida.

The salary and other benefits given to members of the Office shall be determined by a Presidential Order.

Le salaire et autres avantages accordés aux membres de l'Office sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 13: Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru wungirije

Article 13: Auditor General and Deputy Auditor General

Article 13: Auditeur Général et Auditeur Général Adjoint

Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

The Auditor General and Deputy Auditor General shall be appointed by a Presidential Order.

L'Auditeur Général et l'Auditeur Général Adjoint sont nommés par arrêté présidentiel.

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

Mu gihe bamaze gushyirwaho, Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi iteranye.

Manda y'Umugenzuzi Mukuru n'iy'Umugenzuzi Mukuru Wungirije ni imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa.

Mu gihe cy'umwaka umwe (1) ku Mugenzuzi Mukuru n'igihe cy'amezi atandatu (6) ku Mugenzuzi Mukuru wungirije kuva barangije manda yabo, bakomeza guhabwa umushahara wabo n'ibindi bagenerwa nk'uko babihabwaga bakiri muri icyo mirimo.

Iyo muri ibyo bihe biteganyijwe kuri buri wese mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo, Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru wungirije bahawe undi murimo wa Leta, ibyo bahembwa bishya bigomba kuba bingana nibura n'imishahara n'ibindi bagenerwaga. Iyo biri muni y'ibyo bagenerwaga ikinyuranyo gitangwa n'Urwego.

Ingingo ya 14: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru

Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru ni izi zikurikira:

After their appointment, the Auditor General and Deputy Auditor General shall take the oath of office before the President of the Republic in the presence of both Chambers of Parliament meeting in joint session.

The Auditor General and Deputy Auditor General shall be appointed for a five (5)-year term renewable only once.

When the Auditor General or the Deputy Auditor General conclude their terms of office, they shall continue to be granted a monthly salary and other fringe benefits they were entitled to while in office for one (1) year and for six (6) months, respectively.

When the Auditor General or the Deputy Auditor General are appointed to another public office before the expiry of the respective prescribed time limits provided under Paragraph 2 of this Article, their new salary and fringe benefits within those time limits must be at least equal to those they were entitled to. If their new salary and fringe benefits are less than those they were entitled to, the Office shall provide them with the balance.

Article 14: Responsibilities of the Auditor General

The Auditor General shall have the following responsibilities :

Après leur nomination, l'Auditeur Général et l'Auditeur Général Adjoint prrtent serment devant le Président de la République en présence des deux Chambres du Parlement réunies en séance conjointe.

L'Auditeur Général et l'Auditeur Général Adjoint sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.

Lorsque l'Auditeur Général et l'Auditeur Général Adjoint terminent leurs mandats, ils continuent de percevoir, pendant un (1) an pour l'Auditeur Général et pendant six (6) mois pour l'Auditeur Général Adjoint, le salaire et autres avantages qui leur étaient alloués pendant qu'ils étaient en fonction.

Lorsque l'Auditeur Général ou l'Auditeur Général Adjoint sont nommés à une autre fonction publique avant l'expiration de ces délais respectifs visés à l'alinéa précédent, leurs nouveaux salaires et avantages dans ces délais doivent être au moins équivalents à ce qu'ils percevaient. Si leurs nouveaux salaire et avantages sont inférieurs à ce qu'ils percevaient, l'Office leur en accorde la différence.

Article 14: Attributions de l'Auditeur Général

Les attributions de l'Auditeur Général sont les suivantes:

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

- | | | |
|--|--|---|
| 1° kugenzura raporo ya buri mwaka y'ibaruramari ya Leta; | 1° to audit State consolidated financial statements for each fiscal year; | 1° effectuer l'audit des états financiers consolidés de l'Etat pour chaque exercice ; |
| 2° gutanga inama ijyanye n'igenzura ku nzego n'ibigo bya Leta; | 2° to provide advice in connection with the audit of public entities and public institutions; | 2° donner des conseils en matière d'audit des entités publiques et des établissements publics; |
| 3° kugaragaza niba mu micungire y'imari n'umutungo mu nzego n'ibigo bya Leta nta byuhho byatuma habaho imicungire mibi, niba izo nzego n'ibigo byubahiriza amategeko, niba gahunda y'ibikorwa irangizwa neza kandi igera ku ntego; | 3° to ascertain whether the financial and property management within public entities and public institutions contains no gaps that may give rise to mismanagement, whether such entities and institutions comply with the laws, activity plan and fully attain the pursued objectives; | 3° vérifier si la gestion des finances et du patrimoine dans les entités publiques et les établissements publics n'accuse pas de lacunes susceptibles de conduire à une mauvaise gestion, si ces entités et établissements se conforment aux lois et si le plan d'activités et les objectifs qui y sont poursuivis sont pleinement réalisés ; |
| 4° kugenzura konti zijyanye n'iyinjizwa ry'imari ya Leta, konti zose z'imitungo ya Leta n'izindi konti zose z'inzezo n'ibigo bya Leta nk'uko biteganywa n'amategeko; | 4° to conduct the audit of State revenue accounts, State property accounts and all other accounts of public entities and public institutions as provided for by law; | 4° effectuer l'audit des comptes relatifs aux recettes de l'Etat, celui des comptes relatifs au patrimoine de l'Etat et de tous les autres comptes des entités publiques et des établissements publics tel que prévu par la loi; |
| 5° guhagararira Urwego imbere y'Amategeko ; | 5° to serve as the legal representative of the Office; | 5° être le représentant légal de l'Office ; |
| 6° gushyira abakozi b'Urwego mu myanya; | 6° to carry out the placement of staff members of the Office; | 6° assurer le placement du personnel de l'Office; |
| 7° gukorana n'ibindi bigo n'abakozi kugirango bahuze imikoranire muri gahunda z'igenzura; | 7° to collaborate with other institutions and staff to coordinate audit programs; | 7° collaborer avec d'autres institutions et employés pour coordonner les programmes d'audit ; |

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

8° akandi kazi kajyanye n'inshingano ze nk'uko biteganywa n'amategeko ngenyamikorere y'Urwego.

8° to perform such other duties falling within his/her responsibilities as provided for in the Internal Rules and Regulations of the Office.

8° exécuter toute autre tâche relevant de ses attributions conformément au règlement d'ordre d'intérieur de l'Office.

Ingingo ya 15: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru Wungirije

Article 15: Responsibilities of the Deputy Auditor General

Article 15: Attributions de l'Auditeur Général Adjoint

Umugenzuzi Mukuru Wungirije yunganira Umugenzuzi Mukuru mu mirimo ye.

The Deputy Auditor General shall assist the Auditor General in performing his/her duties.

L'Auditeur Général Adjoint assiste l'Auditeur Général dans l'accomplissement de ses fonctions.

Umugenzuzi Mukuru Wungirije Ashinzwe ku buryo bwihariye ibi bikurikira :

The Deputy Auditor General shall be particularly responsible for the following:

Les attributions de l'Auditeur General Adjoint sont particulièrement les suivantes:

1° kunganira Umugenzuzi Mukuru no kumusimbura igihe cyose adahari;

1° to assist the Auditor General and deputize him/her in case of absence;

1° assister l'Auditeur Général et le remplacer en cas d'absence ou d'emprchement;

2° gutanga inama mu mirimo y'ubugenzuzi;

2° to provide advice in connection with the audit work;

2° donner des conseils en matière de travaux d'audit;

3° gutegura imishinga yihariye ku bijyanye n'ubugenzuzi;

3° to prepare special auditing projects;

3° préparer des projets spéciaux en matière d'audit;

4° gukora akandi kazi kari mu nshingano z'Urwego yasabwa n'Umugenzuzi Mukuru.

4° to perform other duties falling within the mission of the Office as may be assigned by the Auditor General.

4° exécuter toute autre tâche relevant des missions de l'Office qui peut lui être confiée par l'Auditeur Général.

Ingingo ya 16: Impamvu zo kuva ku murimo

Article 16: Reasons for leaving office

Article 16: Motifs de cessation de fonctions

Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru Wungirije ava ku murimo bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira :

The Auditor General or Deputy Auditor General shall leave his/her office on any of the following grounds:

L'Auditeur Général ou l'Auditeur Général Adjoint cesse ses fonctions pour l'une ou l'autre des raisons suivantes :

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

1° asezeze ku murimo ku bushake bwe;

1° voluntary resignation;

1° démission volontaire ;

2° asezerewe kubera yananiwe umurimo we, byagaragaye ko atakiri inyangamugayo cyangwa atagifite umurava, ubushishozi n'ubushobozi byashingiweho ashirwaho;

2° removal from office in case of inability to perform his/her duties, where it is determined that he/she is no longer a person of integrity or no longer exercises diligence, foresight and skill on the basis of which he/she was appointed;

2° révocation en cas d'incapacité à remplir ses fonctions, de constat qu'il n'est plus une personne intègre ou ne fait plus preuve de diligence, de prévoyance et de compétence sur base desquelles il a été nommé ;

3° asezerewe kubera afite uburwayi bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe bumubuza kuzuza inshingano ze, byemejwe na Komisiyo y'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;

3° removal from office in case of physical or mental incapacity that would render him/her unable to discharge his/her duties certified by a committee of three (3) medical doctors recognised by the Government;

3° révocation en cas d'incapacité physique ou mentale certifiée par un comité de trois (3) médecins agréés le rendant incapable de s'acquitter de ses fonctions;

4° arangije manda ye ntiyongerwe;

4° in case of non-renewal of his/her term;

4° en cas de non-renouvellement de son mandat ;

5° apfuye;

5° in case of death;

5° en cas de décès.

Icyemezo cyo gusezerera Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru Wungirije ku mirimo ye, kubera impamvu zivugwa mu gace ka 2° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo, gifatwa n'Umutwe wa Sena ushingiyeye ku cyemezo cy'Umutwe w'Abadepite cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Umutwe wa Sena.

The decision to remove from office the Auditor General or the Deputy Auditor General for the reason provided for in item 2° of Paragraph One of this Article shall be made by the Senate based on the resolution of the Chamber of Deputies or at the request of one-third (1/3) of the members of the Senate.

La décision de révoquer l'Auditeur Général ou l'Auditeur Général Adjoint pour la raison visée au point 2° de l'alinéa premier du présent Article est prise par le Sénat sur base de la résolution de la Chambre des Députés ou à la demande d'un tiers (1/3) des membres du Sénat.

Ingingo ya 17 : Kwegura no gusezererwa ku mirimo

Article 17: Resignation and removal

Article 17: Démission et révocation

Kwegura ku murimo k'Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru wungirije

The Auditor General or the Deputy Auditor General shall address his/her resignation in

La démission de l'Auditeur Général ou l'Auditeur Général adjoint est présentée par

bigezwa, mu nyandiko, kuri Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi ikagenerwa kopi. Iyo Perezida wa Repubulika atagize icyo abivugaho mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), uherye igihe yagerejweho inyandiko yo kwegura, ukwegura kuba kwemewe.

Gusezererwa ku murimo bikorwa binyuze mu Iteka rya Perezida wa Repubulika, bikamenyeshwa Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi.

Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru Wungirije uvuye ku murimo, ku mpamvu iyo ari yo yose, asimburwa bitarenze igihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) avuyeho. Iyo avuyeho manda itarangiye, umusimbuye arangiza igihe yari asigaje.

Icyiciro cya 2 : Ubunyamabanga Bukuru

Ingingo ya 18: Ubunyamabanga Bukuru

Ubunyamabanga bukuru buyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru. Umunyamabanga Mukuru ashwirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 19: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru w'Urwego

Umunyamabanga Mukuru afite inshingano zikurikira:

writing to the President of the Republic with a copy to both Chambers of Parliament. If the President of the Republic does not decide on it within a period of thirty (30) days after receipt of the letter, the resignation shall be deemed to have been accepted.

Removal from office shall be made through a Presidential Order and notified to both Chambers of the Parliament.

The Auditor General or Deputy Auditor General who ceases to hold office for whatever reason shall be replaced in a period not exceeding ninety (90) days after leaving office. If he/she leaves office before the end of his/her term, his/her replacement shall serve the remainder of his/her term of office.

Section 2: General Secretariat

Article 18: General Secretariat

The General Secretariat shall be headed by a Secretary General. The Secretary General shall be appointed by a Prime Minister's Order.

Article 19: Responsibilities of the Secretary General of the Office

The Secretary General shall have the following responsibilities:

écrit au Président de la République avec copie aux deux Chambres du Parlement. Si le Président de la République ne s'y prononce pas dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de réception de la lettre, la démission est réputée acceptée.

La révocation se fait par arrêté présidentiel et notifiée aux deux Chambres du Parlement.

L'Auditeur Général ou l'Auditeur Général adjoint qui cesse ses fonctions pour une raison quelconque est remplacé dans un délai ne dépassant pas quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la cessation de ses fonctions. S'il cesse ses fonctions avant la fin de son mandat, son successeur termine le reste de son mandat.

Section 2: Secrétariat Général

Article 18: Secrétariat Général

Le Secrétariat Général est dirigé par un Secrétaire Général. Le Secrétaire Général est nommé par arrêté du Premier Ministre.

Article 19: Attributions du Secrétaire Général de l'Office

Les attributions du Secrétaire Général sont suivantes:

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

- | | | |
|---|---|---|
| 1° gutegura no gucunga ingengo y'imari n'umutungo by'Urwego; | 1° to prepare and manage the budget and property of the Office; | 1° assurer l'élaboration et la gestion du budget et du patrimoine de l'Office ; |
| 2° gucunga abakozi b'Urwego; | 2° to manage the staff of the Office; | 2° assurer la gestion du personnel de l'Office ; |
| 3° gukusanya amategeko n'andi mabwiriza afitanye isano n'inshingano z'Urwego mu mikorere n'imikoranire yarwo ya buri muni n'izindi nzege; | 3° to collect laws and other regulations relating to the mission of the Office with respect to its functioning and daily relations with other organs; | 3° collecter les lois et autres règlements relatifs aux missions de l'Office en ce qui concerne son fonctionnement et ses relations quotidiennes avec d'autres organes; |
| 4° kubika inyandiko no gutegura raporo zerekeranye n'akazi; | 4° to keep records and prepare reports related to service; | 4° tenir les registres et préparer les rapports relatifs au service; |
| 5° gukora raporo y'imari n'umutungo by'Urwego; | 5° to prepare report of financial statement of the Office ; | 5° élaborer le rapport sur les états financiers de l'Office; |
| 6° gukora raporo y'ibikorwa by'Urwego; | 6°to prepare the activity report of the Office; | 6° élaborer le rapport d'activités de l'Office ; |
| 7° kuzuzza izindi nshingano ahawe n'Umugenzuzi Mukuru. | 7° to perform such other duties as may be assigned by the Auditor General. | 7° exécuter toute autre tâche lui confiée par l'Auditeur Général. |

Ingingo ya 20: Sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inzege z'imirimo

Sitati igenga abakozi b'Urwego ishyirwaho n'iteka rya Perezida.

Imiterere n'inshingano by'inzege z'imirimo bigenwa n'amabwiriza ashirwaho n'Umugenzuzi Mukuru agatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 20: Statute governing the staff, organization and responsibilities of the departments of the Office

The statute governing the staff of the Office shall be laid down by a Presidential Order.

The organization and responsibilities of the departments of the Office shall be determined by instructions issued by the Auditor General and published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 20: Statut régissant le personnel, organisation et attributions des services de l'Office

Le statut régissant le personnel de l'Office est fixé par arrêté présidentiel.

L'organisation et les attributions des services de l'Office sont déterminées par les instructions édictées par l'Auditeur Général et publiées au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Ingingo ya 21: Ibitabangikanywa no kuba umwe mu bagize Urwego

Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije n'Umunyamabanga Mukuru ntibagomba kugira akandi kazi gahemberwa bakora. Ntibagomba kandi kugira amasezerano, cyangwa gushora imari mu buryo ubwo ari bwo bwose bwabangamira akazi bakora.

UMUTWE IV: IMIKORERE Y'IGENZURA

Ingingo ya 22: Uburenganzira ku biro

Inzego cyangwa ibigo bigenzurwa bigomba guha ibiro byo gukoreramo bikwiye kandi bitavogerwa umukozi woherejwe gukora ubugenzuzi.

Ingingo ya 23: Amahame ngenderwaho mu gukora ubugenzuzi

Ubugenzuzi bukorwa hagendewe ku mahame mpuzamahanga yemewe hose, ku mategeko agenga ibaruramari n'umutungo wa Leta mu Rwanda, ku mategeko ngengamytwarire no ku yandi mahame Umugenzuzi Mukuru yabona ko ari ngombwa kwifashisha mu kurangiza inshingano ze.

Ingingo ya 24: Ubwoko bw'igenzura

Ubwoko bw'igenzura ni ubu bukurikira:

Article 21: Incompatibilities with the holding of office in the Office

The Auditor General, Deputy Auditor General and Secretary General shall not take up any other paid employment. Neither shall they enter into contracts or make investments in any way likely to undermine the performance of their duties.

CHAPTER IV: CONDUCT OF AUDIT

Article 22: Right to be provided with an office

Organs or institutions being audited must provide a staff member tasked to conduct audit with an appropriate office with restricted access.

Article 23: Auditing standards

The audit shall be conducted in accordance with internationally recognized standards, laws governing the audit of State accounts and property in Rwanda, the Code of ethics and such other standards as the Auditor General may deem necessary for the performance of his/her responsibilities.

Article 24: Types of audit

The types of audit shall be the following:

Article 21: Incompatibilités avec les fonctions de membre de l'Office

L'Auditeur Général, l'Auditeur Général Adjoint et le Secrétaire Général ne peuvent exercer tout autre emploi rémunéré. Ils ne peuvent non plus conclure des contrats ou faire des investissements d'une quelconque manière susceptible de compromettre l'exercice de leurs fonctions.

CHAPITRE IV: REALISATION DE L'AUDIT

Article 22: Droit à un bureau

Les organes ou les institutions faisant l'objet de l'audit doivent mettre à la disposition du personnel d'audit déprché un bureau approprié dont l'accès est limité.

Article 23: Normes d'audit

L'audit est effectué conformément aux normes internationalement reconnues, aux lois régissant l'audit des comptes et du patrimoine de l'Etat au Rwanda, au Code de déontologie et à d'autres normes que l'Auditeur Général peut juger nécessaires à l'accomplissement de ses attributions.

Article 24: Types d'audit

Les types d'audit sont les suivants :

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

1° ubugenzuzi bw'imari n'umutungo;

2° ubugenzuzi bw'amahame;

3° ubugenzuzi bucukumbuye.

1° audit of finances and property;

2° performance audit;

3° forensic audit.

1° l'audit des finances et du patrimoine ;

2° l'audit de performance ;

3° l'audit juri-comptable.

Umugenzuzi Mukuru ashobora gukora irindi genzura ritagaragara muri iyi ngingo mu gihe asanze ari ngombwa cyangwa abisabwe n'Inteko Ishinga Amategeko.

The Auditor General may, if deemed necessary or at the request of Parliament, conduct any type of audit other than those provided for in this Article.

L'Auditeur Général peut, en cas de nécessité ou à la demande du Parlement, procéder à tout autre type d'audit ne figurant pas parmi ceux visés au présent article.

Ingingo ya 25: Raporo y'ubugenzuzi

Umugenzuzi Mukuru agomba gukora raporo y'ubugenzuzi kuri buri bwoko bw'ubugenzuzi yakoze hakurikijwe amahame mpuzamahanga agenga umwuga w'ubugenzuzi.

Article 25: Audit report

The Auditor General must, in accordance with international auditing standards, prepare an audit report for each type of audit carried out.

Article 25: Rapport d'audit

L'Auditeur Général doit préparer un rapport d'audit pour chaque type d'audit qu'il a fait, conformément aux normes internationales d'audit,

Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije cyangwa intumwa ye babujijwe kumena ibanga ry'ibyo bamenyeshejwe mu gihe cy'igenzura. Ibyo bamenyeshejwe byose bigomba gukoreshwa gusa mu buryo bujyanye no kuzuzura inshingano zabo.

The Auditor General, the Deputy Auditor General or the person delegated by him/her shall be bound by secrecy regarding information coming to their knowledge in the course of audit. All this information must be used only for the purpose of discharging their responsibilities.

L'Auditeur Général, l'Auditeur Général Adjoint ou la personne déléguée par lui sont tenus au secret des informations portées à leur connaissance au cours de l'audit. Toutes ces informations doivent être utilisées aux seules fins d'accomplissement de leurs attributions.

Ariko, uku kubuzwa kumena ibanga ntibishobora kubangamira Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije cyangwa intumwa ye kuba yashyira muri raporo ye imyanzuro n'ibikwiye gukorwa ashingiyeye ku byo yabashije kumenyeshwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

However, the obligation of secrecy shall not be construed as impeding the Auditor-General, the Deputy Auditor General or the person delegated by him/her to include in his/her report any findings and recommendations based on information coming to his/her knowledge in a way provided for by this Law.

Toutefois, l'obligation de garder le secret ne peut être interprétée comme faisant obstacle à ce que l'Auditeur Général, l'Auditeur Général Adjoint ou la personne déléguée par lui puisse inclure dans son rapport les conclusions et recommandations quelconques sur base des informations portées à sa connaissance dans les conditions prévues par la présente loi.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Ingingo ya 26: Umutungo w'Urwego n'inkomoko yawo

Umutungo w'Urwego ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo w'Urwego ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari ya Leta;

2° inkunga, impano n'indagano.

Article 26: Property of the Office and its sources

The property of the Office shall comprise movables and immovables.

The property of the Office shall come from the following sources:

1° State budget allocations;

2° Subsidies, donations and bequests.

Article 26: Patrimoine de l'Office et ses sources

Le patrimoine de l'Office comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de l'Office provient des sources suivantes:

1° allocations budgétaires de l'Etat;

2° subventions, dons et legs.

Ingingo ya 27: Igenzura ry'umutungo n'imari by'Urwego

Ubugenzuzi Bukuru bugomba gutoranya buri mwaka Umugenzuzi wigenga wo gukorera Urwego ubugenzuzi hakoreshejwe ipiganwa risesuye. Raporo y'iryo genzura hamwe na raporo y'igenzura ryakozwe n'umuryango mpuzamahanga ugizwe n'ihuriro ry'inzego nkuru z'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo ikorerwa buri gihugu rimwe mu myaka ibiri (2), zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite zigasuzumwa na Komisiyo ishinze gukurikirana imari n'Umutungo by'Igihugu.

Article 27: Audit of property and finance of the Office

Each year, the Office of the Auditor General must appoint an external auditor to conduct the audit of the Office through an open and competitive bidding process. The report of such an audit and the report of the audit covering each country conducted by the International Organization of Supreme Audit Institutions once every two (2) years shall be submitted to the Parliament, Chamber of Deputies and considered by the Public Accounts Committee.

Article 27: Audit du patrimoine et des finances de l'Office

Chaque année, l'Office de l'Auditeur Général doit, au moyen d'un processus d'appel d'offres ouvert et concurrentiel, nommer un auditeur externe devant procéder à l'audit de l'Office. Le rapport de cet audit ainsi que le rapport sur l'audit effectué par l'Organisation Internationale des Institutions Supérieures de Contrôle des Finances Publiques dont fait l'objet chaque pays une fois tous les deux (2) ans sont soumis au Parlement, la Chambre des Députés et examinés par la Commission chargée du suivi de l'Utilisation des Finances et du Patrimoine de l'Etat.

Ingingo ya 28: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira irangira ry'umwaka w'ingingo y'imari, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ashidikiriza Umutwe w'Abadepite raporo y'ikoreshwa ry'imari y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta hagendewe ku biteganywa n'amategeko agenga imicungire y'umutungo n'imari bya Leta.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 29: Manda y'Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru wungirije bari mu mirimo

Igihe cya manda y'Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije kivugwa mu ngingo ya 13 y'iri tegeko gitangira kubarwa guhera igihe buri wese yatangiye imirimo ye.

Ingingo ya 30: Igihe cy'inziyacyeyo

Ibyo uwari Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta wacyuye igihe yagenerwaga, akomeza kubibabwira mu gihe cyagenwe hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 28: Annual financial report

Within three (3) months following the closure of the financial year, the Auditor General shall submit to the Chamber of Deputies the annual financial report of the Office in accordance with laws governing the management of State finance and property.

CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 29: Terms of office of the Auditor General and the Deputy Auditor General currently in office

The duration of the term of office of the Auditor General and Deputy Auditor General provided for in Article 13 of this Law shall start to run from the date on which they took up their respective responsibilities.

Article 30: Transitional period

The Auditor General whose term of office expired shall continue to be granted the salary and other fringe benefits he/she was entitled to for the prescribed time limits in accordance with relevant laws.

Article 28: Rapport financier annuel

Dans les trois (3) mois qui suivent la clôture de l'année budgétaire, l'Auditeur Général soumet à la Chambre des Députés le rapport financier de l'Office conformément aux dispositions des lois régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'Etat.

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 29: Mandats de l'Auditeur Général et de l'Auditeur Général Adjoint actuellement en fonction

La durée du mandat de l'Auditeur Général et de l'Auditeur Général Adjoint visé à l'article 13 de la présente loi commence à courir le jour où chacun a commencé à assumer ses fonctions.

Article 30: Période transitoire

L'Auditeur Général dont le mandat a expiré continue de bénéficier du salaire et des avantages qui lui étaient attribués dans les délais prévus conformément aux lois en la matière.

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa, n’itorwa by’iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 32: Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo z’amategeko binyuraniye n’iri tegeko

Itegeko n° 05/98 ryo kuwa 04/06/1998 rishyiraho Urwego rw’Ubugenzuzi Bukuru bw’Imari ya Leta n’ingingo z’amategeko zose abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 33: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, kuwa 11/09/2013

Article 31: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 32: Repealing provision

Law n° 05/98 of 04/06/1998 establishing the Office of the Auditor General of State Finances and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 33: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 11/09/2013

Article 31 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 32: Disposition abrogatoire

La Loi n° 05/98 du 04/06/1998 portant création de l’Office de l’Auditeur Général des Finances de l’Etat ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 33: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 11/09/2013

Official Gazette n° 45 of 11/11/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux